Ifasi yawe y'amashuri rigomba kongera kumenyeshya amasezerano y'ubwumvikane mbere yo kongera gusuzuma umwana wawe, keretse iyo ifasi y'amashuri yawe idashobora kwerekana ko: (1) Ryateye intambwe zishimishije mu kugirana nawe amasezerano kugira hongere habeho gusuzuma umwana wawe, kandi (2) Utarigeze usubiza ubwo busabe. Niba waranze kugirana amasezerano y'ubwumvikane ifasi y'amashuri yawe ishobora, ariko ntabwo ari ngombwa cyane, gukurikirana ubusabe bwo kongera gusuzuma umwana wawe hakoreshejwe ubwunzi, gutanga ikirego cyo renganurwa, inama itegura iburanisha ndetse n'inzira z'iburanisha ry'ibirego ryo kurenganurwa bitabogama kugira ngo hashakwe uburyo bwo gutesha agaciro ikifuzo cyawe kirwanya kugirana amasezerano y'ubwumvikane agamije kongera gusuzuma umwana wawe. Nk'uko amasuzuma ya mbere yagenze, ifasi yawe y'amashuri ntabwo hohotera ibitegekwa mu gice cya B cy'amasezerano ya IDEA niba cyanga gukurikirana igikorwa cyo kongera gusuzuma umwana muri ubu buryo.

Amasezerano n'umubyeyi kugira ngo atange amakuru yerekeye ubwishingizi mu kwivuzza Medicaid.

Niba hari imwe muri serivisi zatondetswe hano hasi igaragara ku nyigo ya gahunda IEP y'umunyeshuri, kandi niba umunyeshuri yujuje ibisabwa n'ubwishingizi mu kwivuzza Medicaid igihe icyo ari cyo cyose mu gihe cyo gushyira mu bikorwa gahunda ya IEP, umubyeyi afite amahitamo yo kwanga gutanga uburenganzira bwo kwiyishyurira gahunda ya leta y'ubwishingizi mu kwivuzza kugira ngo yakire inkunga izafasha gutera inkunga izi serivisi. Serivisi ziterwa inkunga n'ubwishingizi mu kwivuzza Medicaid harimo:

- Serivisi z'ikorabuhanga riyambazwa
- Serivisi z'igiforomo
- Ubuvuzi bwifashisha ibikorwa ngiro
- Kohera ku bindi bigo/ibitaro
- Kwiyitaho
- Serivisi Ngororamubiri
- Serivisi zijyanye n'imyifatire n'imitekerereze
- Serivisi mbonezamubano
- Ubugororamivugire/ubugororururimi
- Gukemura ibibazo
- Gukora ingendo

Kwishyurira serivisi zitangirwa ku ishuri z'umunyeshuri gahunda ya leta y'ubwishingizi mu kwivuzza NTABWO bigira ingaruka ku nyungu z'ubwishingizi mu kwivuzza Medicaid z'umuryango, ka NTA bwishyu bitwara umuryango, ubu cyangwa ejo ahazaza.

Kwishyurira gahunda y'ubwishingizi mu kwivuzza y'igihugu bisaba ko ifasi y'amashuri yohereza amakuru ku rwego rwa leta. Amakuru yatanze ashobora kuba arimo itariki y'amavuko, ubwoko bw'ubumuga, igitsina, ishuri, amatariki ya serivisi, ubwoko bwa serivisi, ndetse n'indangamanota. Amafasi y'amashuri yatanze aya makuru kuri leta guhera mu w'1993.

Ababyeyi bafite uburenganzira bwo kwanga gukora amasezerano y'ubwumvikane yo kwishyurira porogaramu y'ubwishingizi mu kwivuzza Medicaid, kandi bafite uburenganzira bwo gusesa aya masezerano y'ubwumvikane igihe icyo aricyo cyose. Ni yanze gukora amasezerano y'ubwumvikane, ifasi y'amashuri izatanga izo serivisi kuri gahunda ya IEP, ariko ntabwo kazakira inkunga ituruka muri porogaramu y'ubwishingizi mu kwivuzza Medicaid ya leta kugira ngo ifashe izi serivisi.

Inyandiko zifatika kugira ngo hakorwe amasezerano y'ubwumvikane n'umubyeyi.

Ishuri ryawe rigomba gukomeza kwandika amakuru yerekeye imbaraga zifatika zakoreshejwe kugira ngo hakorwe amasezerano y'ubwumvikane n'umubyeyi kugira ngo habeho amasuzuma ya mbere, hagamiye gutanga uburezi buhabwa ababana n'ubumuga na serivisi zibwerekeye ku nshuro ya mbere, kongera gusuzuma umwana ndetse no gushyiraho ababyeyi b'abana bitabwaho na Leta kugira ngo bababwe amasuzuma ya mbere. Kwandika amakuru bigomba kugaragaza amakuru yakusanyijwe mu magera gusa yakozwe n'ifasi y'amashuri muri ibi bice, nka: (1) Amakuru arambuye yakusanyijwe mu guhamagarana kuri telefoni cyangwa yageragejwe ndetse n'ibyavuye muri uko guhamagarana; (2) kopi z'ubutwererane zoherejwe ku babyeyi ndetse n'ibisubizo ibyo aribyo byose byakiriwe; kandi (3) Amakuru arambuye yakusanyijwe mu gusura umubyeyi mu rugo kwabayeho cyangwa aho akora ndetse n'amakuru yavuye muri uko kumusura.

Ibindi bisabwa kugira ngo habeho amasezerano y'ubwumvikane ku bushake.

Amasezerano y'ubwumvikane yawe ntabwo ari ngombwa y'uko ifasi yawe y'amashuri ishobora: (1) Gusubiramo amakuru ahari nk'igice cyo gusuzuma umwana cyangwa kongera kumukorera isuzuma; cyangwa (2) Guha umwana wawe ibazwa cyangwa irindi suzuma rihabwa abana bose keretse, mbere y'uko ibazwa cyangwa isuzuma, amasezerano y'ubwumvikane isuzuma ari ngombwa ku babyeyi bose b'abana bose. Ifasi yawe y'amashuri ntishobora kwitwaza ko wanze kwemera ku bushake kugira ngo yange guha serivisi umwana serivisi iyo ariyo yose, imfashanyo, cyangwa igikorwa iki n'iki. Niba wandikishije umwana wawe mu ishuri ryigenga ku mafaranga yawe bwite cyangwa niba wigishiriza umwana wawe mu rugo, kandi utajya ukorera amasezerano y'ubwumvikane kugira ngo umwana wawe akorerwe isuzuma rya mbere cyangwa yongere akorerwe isuzuma, cyangwa wananiwe gusubiza ubusabe bwo gukora amasezerano y'ubwumvikane, ifasi y'amashuri ntishobora gukoresha amasezerano y'ubwumvikane yako kagamije kurwanya ibiri gukorwa (urugero, ubwunzi, ikirego cyo kurenganurwa, lburanisha ritabogama ry'ikirego cyo kurenganurwa) kandi ntabwo gasabwa gufata umwana wawe nk'uwemerewe guhabwa serivisi zingana nk'iz'abandi banyeshuri (Serivisi zashyirirweho abana babana n'ubumuga biga mu mashuri yashinzwe n'ababyeyi yigenga).

Gukorerwa amasuzuma yo mu burezi mu buryo bwigenga

34 CFR §300.502 Nk'uko byasobanuwe hasi, ufite uburenganzira bwo gukorerwa umwana wawe isuzuma yo mu burezi mu buryo bwigenga (IEE mu magambo ahinnye y'Icyongereza) niba utemeranya n'isuzuma ry'umwana wawe yahawe n'ifasi y'amashuri. Niba usabye irisuzuma ryigenga (IEE), ifasi y'amashuri igomba kugaha amakuru yerekeye aho ushobora guhererwa isuzuma ryigenga (IEE) hamwe n'ibigenderwaho n'ifasi y'amashuri mu masuzuma yigenga (IEE). Isuzuma ryigenga (IEE) risobanuye isuzumabumenyi ritangwa n'ubaza ubifitiye impamyabushobozi udakoresheje n'ifasi y'amashuri ifite uburezi bw'umwana mu nshingano zako. *Umutungo wa leta asobanuye ko ifasi y'amashuri wenda yakwishyura amafaranga yose y'isuzumabumenyi cyangwa kakamenya neza ko isuzuma wenda wariherewe ubuntu, ryuzuzanya n'ibiteganywa n'igice cya B cy'amasezerano ya IDEA, yemerera buri leta gukoresha inkomoko y'inkunga iyo ariyo yose ya leta, y'agace, ya leta zose n'izindi zigenga ziboneka muri leta hagamiye kubahiriza ibisabwa mu gice cya B cy'ayo masezerano.* Ufiteye uburenganzira isuzuma ryigenga (IEE) ry'umwana wawe ku mutungo wa leta niba utemeranya n'isuzumabumenyi umwana wawe yahawe n'ifasi yawe y'amashuri, hakurikijwe ibi bikurikira: (1) Niba utanze ubusabe bwanditse kugira ngo uhabwe isuzumabumenyi ryigenga -IEE-ry'umwana wawe ku mutungo wa leta, ifasi y'amashuri yawe igomba gusubiza, mu nyandiko ubusabe mu minsi irindwi y'indangabihe guhera igihe bakiriraye ubusabe berekana icyo akarere kagamije wenda: (a) gutanga iryo suzuma -IEE- ku mutungo wa leta; cyangwa (b) gutanga dosiye y'ikibazo gisaba uburenganzira bwo gusaba ikiganiro ugamiye kwerekana ko iryo suzumabumenyi ry'umwana wawe rikwiye. (2) Niba ifasi yawe y'amashuri isabye kwisobanura imbere y'inteko itabera kandi ikemezo cya nyuma kikerekana ko igenzura ifasi yakoreye ku mwana wawe ryari rimukwiriye, uracyafite uburenganzira kuri IEE, ariko ntwishyurirwa na Leta. (3) Niba uri gusaba isuzumabumenyi (IEE) ry'umwana wawe, ifasi yawe y'amashuri ishobora gusobanura impamvu utewe impungenge n'isuzumabumenyi ry'umwana yahawe n'ifasi y'amashuri. Ariko, ifasi yawe y'amashuri ishobora kugusaba igisobanuro cyangwa ntigashobora mu buryo budasobanutse gutinza wenda gutanga isuzumabumenyi ryigenga (IEE) ry'umwana wawe ku mutungo wa leta cyangwa gutanga ikifuzo ko ukeneye ikiganiro kugira ngo uburaniye isuzuma ry'ifasi y'amashuri yawe y'umwana wawe. (4) Niba isuzumabumenyi (IEE) wahawe ritujwe ibisabwa n'ifasi y'amashuri, ifasi y'amashuri ishobora gutanga ikirego cyo kurenganurwa. Niba ikemezo cya nyuma mu biganiriro ari ko isuzumabumenyi ritujwe ibisabwa n'ifasi y'amashuri, Kwishyurirwa ku mutungo wa leta isuzumabumenyi ryawe bishobora guteshwa agaciro. Wemerewe gusa isuzumabumenyi (IEE) rimwe ry'umwana wawe ku mutungo wa leta buri gihe ifasi y'amashuri yakoresheje isuzumabumenyi ry'umwana wawe utemeranya nako. Niba ubonye IEE y'umwana wawe ikishyurwa na Leta cyangwa ukunganirana n'ifasi y'amashuri mu kwishyura igenzura ryakorewe umwana wawe wahawe ku mafaranga yishyurwe n'umuntu ku giti ke: (1) Ifasi y'amashuri igomba guha agaciro ibyavuye mu isuzumabumenyi ry'umwana wawe, niba rihuje n'ibigenderwaho n'ifasi y'amashuri ku masuzumabumenyi yaryo yigenga (IEEs), mu kemezo icyo ari cyo cyose cyafashwe

hubahirizwa ibiteganywa n'amasezerano ya FAPE ku mwana wawe; kandi (2) wowe cyangwa ifasi y'amashuri yawe mushobora kwerekana isuzumabumenyi nk'ikimenyetso mu iburanisha ry'ikirego cyo kurenganurwa kireba umwana wawe. Niba umucamanza w'amategeko ngenderwaho (ALI) asabye isuzumabumenyi (IEE) ry'umwana wawe nk'igice cyo kurenganurwa, ikiguzi cy'isuzumabumenyi kigomba kwishyurwa ku mutungo wa leta. Niba isuzumabumenyi (IEE) ryishyurwe ku mutungo wa leta, ibyagendeweho batanga isuzumabumenyi, harimo n'ahantu hatangiye isuzumabumenyi ndetse n'impamyabushobozi z'uwatanzwe isuzumabumenyi, bigomba kuba bimwe nk'ibyagendeweho ifasi y'amashuri ikoresha iyo itangiza isuzumabumenyi (ku ngano imwe n'iy'ibyo byagendeweho byuzuzanya n'uburenganzira bwawe ku isuzumabumenyi (IEE). Uretse ibigenderwaho byavuzwe haruguru, ishuri ryo mu ifasi ntirigomba kunyuranya n'ibisabwa cyangwa impuzabihe zijyanye n' isuzumabumenyi ryishyurwa ku mutungo wa leta.

Kugirira ibanga amakuru bwite

Ibisobanuro - 34 CFR §300.611 nk'uko byakoreshejwe nk'umutwe **Kugirira ibanga amakuru bwite**: Kwangiza bisobanuye kwangiza imitererere cyangwa gukura ibirango mu makuru kugira ngo amakuru abe atakigaragara kuri buri muntu. *Amakuru yakusanyijwe* mu burezi asobanura ubwoko bw'amakuru yakusanyijwe azingiywe mu gisobanuro cy'Amakuru yakusanyijwe mu burezi " mu gice cya 34 CFR igice 99 (Amabwiriza agenga gushyira mu bikorwa Amasezerano y' Uburenganzira bw'uburezi mu muryanga n'amabanga y'amakuru bwite yo mu mwaka w'1974, 20 U.S.C. 1232g Amakuru yakusanyijwe y'uburezi (FERPA). FERPA bisobanuye "Amakuru yakusanyijwe y'uburezi" nk'amakuru yakusanyijwe aiyanye neza n'umunyeshuri kandi akabikwa n'ibigo by'uburezi cyangwa n'urwego rukorera ikigo. *Ikigo kitabiriye bisobanuye ifasi y'amashuri iyo ari yo yose, ikigo kinini cyangwa ikigo gito gikusanyam, kibika, cyangwa gikoresha amakuru aranga buri wese, cyangwa ikigo kivamo amakuru, hashingiwe ku gice cya B cy'amasezerano ya IDEA.*

Amakuru aranga umuntu ubewe

34 CFR §300.32 *Aranga buri wese* bisobanuye amakuru: (a) amazina y'umwana wawe, amazina yawe n'umubyeyi, cyangwa amazina y'undi munyamuryango; (b) aho umwana wawe atuye; (c) ikiguranga wowe ubwawe, nk'umubare w'ubwishingizi uranga umwana wawe cyangwa umubare uranga umunyeshuri; cyangwa (d) urutonde ry'ibimenyetso bikuranga wowe ubwawe cyangwa andi makuru yatuma umuntu abasha kumenya umwana neza mu buryo buhamye.

Itangazo rigenerwa ababyeyi

34 CFR §300.612 Ishami rishinzwe uburezi rya leta ya Michigan (MDE) rigomba kumenyeshya ababyeyi ko Ishami rishinzwe uburezi rya leta ya Michigan (MDE) ifite uburyo na politiki ziboneye bugamije kumenyeshya ababyeyi ku ibirebana no kugirira ibanga amakuru aranga buri wese, harimo: (1) Igisobanuro cy'uburyo itangazo ritangwa mu rurimi kavukire rw'amatsinda y'ubwoko butandukanye muri mu leta; (2) Igisobanuro cy'abana babikirwa amakuru, ubwoko bw'amakuru ashakwa, uburyo bukoreshwa na leta bugamije gukusanya amakuru(harimo ahantu amakuru akusanywa ava),ndetse n'icyo amakuru azakoshwa; (3) incamake ya politiki ndetse n'uburyo ibigo bizitabira bigomba gukurikiza birebana n'ububiko, gusangiza amakuru urundi rwego rwa gatatu, gufatira umutungo, ndetse no kwangiza amakuru agararira buri wese; kandi na none (4) igisobanuro cy'uburenganzira bw'ababyeyi n'abana ku ibirebana n'amakuru, harimo hashingiwe ku ibiteganywa n'Amakuru yakusanyijwe n'uburezi FERPA ndetse n'amabwiriza yayo yerekeye ishyirwa mu bikorwa mu gika 34 CFR igice 99. Mbere y'uko hagir ikigaragazwa kigaragara gifatika, ahantu, cyangwa igikorwa cy'isuzumabumenyi (bibwi kandi " Kubona ubwana"), itangazo rigombwa mu kinyamakuru cyanditse cyangwa ibini biinyamakuru, byombi, bibaze neza ku buryo bimenyeshya ababyeyi bose binyuze muri leta igikorwa kiri kubera, kirimo ndetse kinakorerwamo isuzumabumenyi ku abana bakeneye uburezi buhabwa ababana n'ubumuga na serivisi zibwerekeye.

Uburenganzira ku amakuru yakusanyijwe

34 CFR §300.613 Ikigo kitabiriye kigomba kuguha uburenganzira bwo kugenzura no gusubiramo amakuru yose yakusanyijwe mu burezi yerekeye umwana wawe akusanywa, akabikwa, cyangwa agakoreshwa n'ikigo kitabiriye hashingiwe ku gice cya B cy'amasezerano ya IDEA. Ikigo kitabiriye kigomba gukurikiza ubusabe bwawe mu gihe cyo kugenzura no gusubiramo amakuru yose yakusanyijwe mu burezi ku mwana wawe hatabayeho gutinda kutari ngombwa mbere y'uko habaho inama iyo ariyo yose irebana na gahunda ya IEP, cyangwa mbere y'uko habaho kumva iburanisha ryo kurenganurwa ritabogama(Harimo inama igamije gutanga umuti cyangwa ikiganiro cyerekeye imyitwarire), kandi mu gihe kitarengeje iminsi 45 y'indagabihwe nyuma y'uko utanze ubusabe. Uburenganzira bwawe bwo kugenzura no gusubiramo akusanywa mu burezi burimo: (1)Uburenganzira bwo kubona igisubizo gitangwa n'ikigo kitabiriye ku busabe bwawe bifite impamvu watanze ugamije kubona ibisobanuro no gusemura amakuru yakusanyijwe; (2) Uburenganzira bwawe bwo gusaba ikigo kitabiriye gutanga kopi z'amakuru yakusanyijwe niba udashobora kugenzura no gusubiramo mu buryo bukwiye amakuru yakusanyijwe keretse wakiriywe izo kopi, kandi (3) ufite uburenganzira bwo kugira uguhagararira mu gikorwa cyo kugenzura no gusubiramo ayo makuru. Ikigo kitabiriye gishobora guteganya ko ufite uburenganzira bwo kugenzura no gusubiramo amakuru yakusanyijwe yerekeye umwana wawe keretse gusa ubwiwe ko utabufite hashingiwe ku mategeko ya leta ariho agenga ibibazo nk'ibyo nko kurera umwana utari uwawe, cyangwa gutandukana ndetse mufite gatanya.

Kubona Amakuru yakusanyijwe

34 CFR §300.614 Buri kigo kitabiriye kigomba kubika amakuru yakusanyijwe y'inzego zibifite uburenganzira ku makuru yakusanyijwe ku burezi, abitswe, cyangwa akoreshwa hashingiwe ku gice cya B cy'amasezerano ya IDEA (uretse uburenganzira buhabwa ababyeyi n'abakozi babifiye uburenganzira b'ikigo kitabiriye), harimo amazina y'urwego, itariki uburenganzira bwatangiweho, ndetse n'impamvu uryo rwego rwahawe uburenganzira bwo gukoresha amakuru yakusanyijwe.

Amakuru yakusanyijwe ku bana barenze umwe

34 CFR §300.615 Niba hari amakuru yakusanyijwe yerekeye uburezi harimo Amakuru yakusanyijwe ku bana barenze umwe, ababyeyi babo bana bafite uburenganzira bwo kugenzura no gusubiramo gusa amakuru yerekeye umwana wa bo cyangwa kumenyeshwa ayo makuru yihariye.

Urutonde rw'ubwoko bw'amakuru n'aho ava

34 CFR §300.616 Igihe bisabwe, buri kigo kitabiriye kigomba kuguha urutonde rw'ubwoko bw'amakuru yakusanyijwe n'aho ava, abitse, cyangwa akoreshwa n'ikigo.

Amafaranga Arihwa

34 CFR §300.617 Buri kigo kitabiriye gishobora amafaranga ya kopi y'amakuru yagukusanyirijwe hashingiwe ku gice cya B cy'amasezerano ya IDEA, niba amafaranga atakubuzwa mu buryo bukwiye guhabwa uburenganzira bwawe bwo kugenzura no gusubiramo ayo makuru yakusanyijwe. Ikigo kitabiriye gishobora kuguha amafaranga yo guhiga cyangwa gusohora amakuru hashingiwe ku gice cya B cy'amasezerano ya IDEA.

Kuvugurura amakuru yakusanyijwe ku busabe bw'ababyeyi

34 CFR §300.618 Niba wizeye ko amakuru ari mu makuru y'uburezi yakusanyijwe yerekeye umwana wawe yakusanyijwe, abitswe, cyangwa akoresha hashingiye ku Gice cya B cy'amasezerano ya IDEA atameze neza uko bikwiye, ayobya, cyangwa ahohotera amabanga y'ubuzima bw'umwana wawe cyangwa ubundi burenganzira bw'umwana wawe, ushobora gusaba ikigo kitabiriye kubitse ayo makuru guhindura amakuru. Ikigo kitabiriye kigomba kwemeza niba kizandura amakuru hashingiye ku busabe bwawe mu gihe runaka gifiwe impamvu bamaze kwakira ubusabe bwawe. Niba ikigo kitabiriye cyanze guhindura ayo makuru yerekeye ubusabe bwawe, kigomba kubikumenyeshya ko cyabyanze ahubwo kikakumenyeshya uburenganzira ufite bwo kugira ibiganiro nk'uko bisonurwa hashingiye ku mutwe, **Amahirwe yo kugirana ibiganiro.**

Amahirwe yo kubaza ku ibitagenda neza

34 CFR §300.619 Ikigo kitabiriye kigomba, igihe bisabwe, kuguha amahirwe yo kugirana na cyo ibiganiro kugira ngo muganire ku makuru y'uburezi yakusanyijwe yerekeye umwana wawe kugira ngo umenye neza ko atameze neza cyane, ayobya, cyangwa ahohotera amabanga y'ubuzima bw'umwana wawe cyangwa ubundi burenganzira bw'umwana wawe.

Dore uko bigenda iyo ubaza ku ibitagenda neza

34 CFR §300.621 Ibibazo ku uburezi bigomba gukorwa bikurikiza uburyo bw'ibiganiro hashingiye ku masezerano ya FERPA.

Icyavuye mu ukubaza ibitagenda neza

34 CFR §300.620 Niba, n'igisubizo cyavuye mu biganiro, ikigo kitabiriye gifashe umwanzuro ko amakuru atameze neza cyane, ayobya, cyangwa ahohotera amabanga y'ubuzima bw'umwana wawe cyangwa ubundi burenganzira bw'umwana, kigomba guhindura amakuru mu buryo bukwiye kandi kikabikumenyeshya mu nyandiko. Niba, n'igisubizo cyavuye mu biganiro, ikigo kitabiriye gifashe umwanzuro ko ameze neza cyane, atayobya, cyangwa atubahiriza amabanga y'ubuzima bw'umwana wawe cyangwa ubundi burenganzira bw'umwana wawe, kigomba kukumenyeshya ku uburenganzira bwawe bwo gushyira mu makuru yakusanyijwe ibitse ku mwana wawe inyandiko ivuga ku makuru cyangwa itanga impamvu izo arizo zose utemeranya n'icyemezo n'icyemezo k'ikigo kitabiriye. Ibyo bisobanuro bishyirwa mu makuru yakusanyijwe ku mwana wawe bigomba: (1) Kubikwa n'ikigo kitabiriye nk'igice cy'amakuru yakusanyijwe ku mwana mu gihe amakuru yakusanyijwe cyangwa afatwa nk' igice cyaganiriweho abitswe n'ikigo kitabiriye; kandi (2) Niba ikigo kitabiriye gisangije abandi amakuru y'umwana wawe cyangwa igice cyaganiriweho ku rundi rwego, igisobanuru kigomba nacyo gusangizwa urwo rwego.

Amasezerano ahesha uburenganzira gusangiza abandi amakuru y'umuntu ku igiti cye

34 CFR §300.622 Keretse niba gusangiza abandi amakuru aranga buri wese abitswe mu makuru y'uburezi yakusanyijwe (hatabayeho amasezerano yagiranyenwe n'ababyeyi) yaratangiye uburenganzira hashingiye mu masezerano ya FERPA, amasezerano y'ubwumvikane agomba kubaho mbere y'uko amakuru aranga buri wese asangizwa izindi nzego zitari abayobozi b'ibigo byitabiriye. Uretse gusa igihe hashingiye ku bibyavuzwe hasi, amasezerano y'ubwumvikane si ngombwa mbere y'uko amakuru aranga buri wese yerekwa abayobozi b'ibigo byitabiriye hagamiywe kuzuzwa ibisabwa mu Gice cya B cy'amasezerano ya IDEA. Amasezerano y'ubwumvikane yawe, cyangwa amasezerano y'ubwumvikane y'umwana wujuje ibisabwa wageje ku myaka y'ubukure iteganywa na leta, agomba kubaho mbere y'uko amakuru aranga buri wese yerekwa abayobozi b'ibigo byitabiriye bitanga cyangwa byishurira serivisi z'ivugururamyigire z'ababana n'ubumuga. Niba umwana wawe ari mu, cyangwa agiye kujya mu, ikigo kigenga kitari mu ifasi y'amashuri imwe n'iyi utuyemo, amasezerano y'ubwumvikane yawe agomba kubaho mbere y'uko amakuru aranga buri wese yerekeye umwana wawe yerekwa abayobozi b'ibigo byitabiriye mu karere kagenga amashuri k'ishuri icyo kigo kigenga gihereyemo ndetse n'abayobozi bari mu karere kagenga amashuri k'ishuri utuyemo.

Ntarengwa

34 CFR §300.623 ikigo kitabiriye kigomba kurinda amabanga y'amakuru aranga buri wese mu gihe cyo kuyakusanya, kuyabika, kuyasangiza abandi, ndetse no kuyasiba. Umuyobozi umwe muri buri kigo kitabiriye agomba guhabwa inshingano zo kumenya neza kugirira ibanga amakuru ayo ari yo yose aranga buri wese. Abantu bose bakusanya cyangwa bakoresha amakuru aranga buri wese bagomba guhabwa amahugurwa cyangwa amabwiriza yerekeye amabwiriza birebana no kugirira amabanga hashingiye ku Gice cya B cy'amasezerano ya IDEA ndetse n'aya FERPA. Buri kigo kitabiriye kigomba kubikira, abazakora igenzura ku bigo bya leta, urutonde rugenzweho rw'amazina n'imyanya by'abo bakozibakora mu kigo bashobora kuba bafite uburenganzira bwo kugera ku makuru aranga umuntu ku giti cye.

Gusiba amakuru

34 CFR §300.624 Ifasi y'amashuri yawe igomba kukumenyeshya amakuru aranga umuntu ku giti cye yakusanyijwe, yabikiwe, cyangwa uko akoresha hashingiye ku Gice cya B cy'amasezerano ya IDEA ntabwo bigikenewe kugira ngo bahe umwana wawe serivisi zijyanye n'uburezi akeneye. Amakuru agomba kwangizwa igihe ubisabaye. Ariko, amakuru yakusanyijwe ahoraho y'amazina y'umwana, aho atuye, na nimeroyi ya telefoni, amanota ye, umubare w'inshuro yitabiriye ishuri, amashuri yitabiye, umwaka yarangije, n'umwaka yarangijemo bishobora gukomeza kubikwa kugeza igihe kitazwi.

Uburenganzira bw'umunyeshuri

34 CFR §300.625 Hashingiye ku mabwiriza y'amasezerano ya FERPA, uburenganzira bw'ababyeyi bwerekeye amakuru y'uburezi yakusanyijwe yoherezwa ku munyeshuri igihe afite imyaka y'ubukure 18. Uburenganzira bw'ababyeyi hashingiye ku Gice cya B cy'amasezerano ya IDEA kireba amakuru y'uburezi yakusanyijwe nabwo bwoherezwa ku munyeshuri yujuje imyaka 18. Ariko, ikigo kitabiriye kigomba gutanga itangazo risabwa n'igice cya B cy'amasezerano ya IDEA haba ku munyeshuri n'ababyeyi.

Ubwunzi

34 CFR §300.506 Ishami rishinzwe uburezi rya leta ya Michigan (MDE) ryatangije uburyo bwo gukoresha ubwunzi bubonetse kugira ngo bugufashe kandi n'ifasi y'amashuri ikemura amasezerano atumvikanwaho harimo ikibazo kigaragara mu gice cya B cyangwa cya C cy'amasezerano ya IDEA, harimo ibibazo bivuka igihe woherere ikirego ku rwego rwa leta cyangwa ikirego cyo gusaba kurenganurwa. Ubwo rero, ubwunzi buberaho gukemura ubwumvikane buke hashingiye ku gice cya B cyangwa cya C cy'amasezerano ya IDEA, waba waratanze ikirego cyo kurenganurwa cyangwa utaragitanze kugira ngo usabe ko habaho iburanisha ryo kurenganurwa nk'uko byasobanuwe ku mutwe,

Kutabogama k'umwunzi

Umwunzi: (1) Ntashobora kuba umukozi w'aminisiteri y'uburezi muri Michigan (MDE) cyangwa w'ifasi y'amashuri ifite uruhare mu burezi cyangwa mu kurera umwana wawe; (2) ntashobora kugira inyungu ze bwite cyangwa z'ubunyamwuga zateza amakimbirane n'itegeko z'umwunzi. Umuntu udafite

impamyabushobozi nk'umwunzi ntabwo ari umukozi w'ifasi y'amashuri cyangwa ikigo cya leta mu buryo buziguye kuko ni umukozi uhembwa n'ikigo cyangwa ifasi y'amashuri kugira ngo akore nk'umwunzi.

Uburyo bwo kohereza ikirego ku rwego rwa leta

Gutanga ikirego usabwa kurenganurwa.

Uburyo butangwamo ikirego butuma hizerwa ko uburyo bwo gukoramo ubwunzi: (1) Gitangwa ku bushake ku ruhande rwawe n'urw'ifasi y' amashuri; (2) Ntabwo gikoresha mu gutanga agaciro cyangwa gukerereza uburenganzira bwawe ku iburanisha ryo gusaba kurenganurwa, cyangwa se gutanga agaciro ubundi burenganzira ufite hashingiye ku gice cya B cyangwa cya C cy'amasezerano ya IDEA, ndetse (3) bukorwa n'umwunzi ubifitiye impamyabushobozi kandi utabogama wahawe amahugurwa mu buryo bukwiye bw'abunzi. Ifasi y'amashuri ishobora kwagura uburyo iha ababyeyi n'ishuri amahirwe yo guhitamo kudakoresha inzira y'ubwunzi, amahirwe yo guhura ku gihe n'ahantu mwumvikanyeho, n'urundi rwego rutabifitemo inyungu: (1) Adafite amaserano y'akazi n'urundi rwego rukemura imanza rushobora kwiyambazwa igihe byanze, cyangwa amahirwe ku umubyeyi ndetse n'ikigo k'itangazamakuru cyangwa n'ikigo giha amakuru umubyeyi mu muryango mugari muri leta; ndetse (2) asobanura inyungu zirimo ndetse akagushishikariza gukoresha inzira y'ubwunzi. Minisiteri y'Uburezi muri Leta ya Michigan (MDE) igomba gukomeza kubika urutonde rw'abunzi babifitiye impamyabushobozi kandi bazi amategeko n'amabwiriza aiyanye ateganya uburezi buhabwa abanyeshuri babana n'ubumuga na serivisi zibwerekeye. Minisiteri y'Uburezi muri Leta ya Michigan (MDE) igomba guhitamo abunzi ntacyo igendeye, cyangwa mu bundi buryo butabogamye. Leta ifite inshingano zo kwishyura inzira yose y'ubwunzi, harimo no kwishyura amanama. Izi serivisi zitangwa na [Gahunda ishinzwe ubwunzi bukorwa abahabwa uburezi bugenyura abanyeshuri babana n'ubumuga ya leta ya Michigan](http://msempp.cenmi.org) ku rubuga <http://msempp.cenmi.org>. Buri nama mu nzira y'ubwunzi igomba kuba yashyizwe ku ndangabihe mu buryo bwubahiriza igihe kandi igakorerwa ahantu humvikanyeho nawe n'ifasi y'amashuri. Niba wowe n'ifasi y'amashuri mukemura amakimbirane binyuze mu nzira y'ubwunzi, inzego zombi zigomba kugira amasezerano ntakuka anyuze mu nzira y'amategeko agamije gutanga umuti kuri urwo rubanza kandi: (1) Avuga ko ibiganiro byose byabayeho mu gihe cy'inzira y'ubwunzi bizakomeza kugirirwa ibanga kandi bidashobora gukoresha nk'ibimenyetso mu iburanisha rindi rishobora kuba nyuma ry'ikirego cyo kurenganurwa cyangwa mu rubanza mbonezamubano, kandi ko (2) ashyizweho umukono n'impande zombi ndetse n'uhagarariye ifasi y'amashuri ifite uburenganzira bwo guhagararira ifasi y'amashuri. Amasezerano y'ubwunzi yanditse kandi ashyizweho umukono rihabwa ububasha mu rukiko rwa leta iyo ariyo yose rufite ububasha bwo guca imanza (urukiko rufite uburenganzira hashingiye ku itegeko rya leta ruca ubwoko bw'uru rubanza) cyangwa mu rukiko rw'akarere rwa Leta Zunze ubumwe z'Amerika. Ibiganirwa byabayeho mu gihe k'inzira y'ubwunzi agomba kugirirwa ibanga. Ntibishobora gukoresha nk'ibimenyetso mu iburanisha rindi rishobora kuba nyuma ry'ikirego cyo kurenganurwa cyangwa mu rubanza mbonezamubano mu rukiko urwo ariwo rwose ruhuriweho na leta zose cyangwa rwa leta imwe rwakira ubufasha hashingiye ku ibiteganwa n'Igice cya B cyangwa cya C cy'amasezerano ya IDEA.

Ikinyuranyo hagati y'uburyo bwo gutanga ikirego mu rubanza ruharanira uburenganzira n'uburyo bwo kohereza ikirego ku rwego rwa leta

Amabwiriza hashingiye ku biteganwa n'Igice cya B cyangwa cy'amasezerano ya IDEA yashyizweho hagamije gutandukanya uburwo bwo kuhereza ikirego ku rwego rwa leta ndetse n'uburyo bwo gutanga ikirego cyo kurenganurwa. Nk'uko byasobanuwe hasi, umuntu cyangwa umuryango bishobora gutanga ikirego baregera ihonyorwa ry'ibisabwa iryo byo ari byose mu gice cya B cyangwa icya C n'ifasi y'amashuri, na Minisiteri y'uburezi muri leta ya Michigan (MDE), cyangwa n'ikindi kigo cya leta icyo ari cyo cyose. Gusa wowe cyangwa ifasi y'amashuri mushobora gutanga ikirego mu rubanza ruharanira uburenganzira ku kibazo icyo aricyo cyose kerekereye gusaba cyangwa kwanga gutangiza gushaka umwironoro, gukoresha isuzamabumenyi cyangwa gushakira ishuri umwana ubana n'ubumuga, cyangwa ibiteganwa n'amasezerano ya FAPE ku umwana. Umucamanza w'amategeko ngenderwaho (ALI) ubwo abakozu bose ba Minisiteri y'Uburezi muri Leta ya Michigan (MDE) bagomba muri rusange gukemura ibirego byose bya leta mu minsi 60 y'indangabihe, keretse niba igihe mu by'ukuri kimuwe, umucamanza w'amategeko ngenderwaho (ALI) agomba gukurikirana ikirego cyo kurenganurwa (niba rutarakemurirwa mu nama nkemuramanza cyangwa mu bwunzi) ndetse agatanga ikemezo cyanditse mu minsi 45 y'indangabihe nyuma y'igihe habereyeho inamankemuramaza, nk'uko byasobanuwe mu nyandiko hashingiye ku mutwe,

Gushyiraho uburyo bwo gutanga ikirego ku rwego rwa leta

34 CFR §300.151 Minisiteri y'Uburezi muri Leta ya Michigan (MDE) rigomba kwandika uburyo (Reba amabwiriza ngenderwaho agenga uburezi buhabwa ababana n'ubumuga, Ibwiriza 340.1701a, 340.1851-1853) rigamije: (1) Gukemura ibirego ibyo ari byo byose rwo ku rwego rwa leta, harimo ibirego bitangwa n'umuryango cyangwa umuntu ukomoka mu yindi leta; (2) Gutanga ikirego; (3) Gushishikariza mu buryo bwagutse uburyo bwo gutanga ikirego ku rwego rwa leta ababyeyi n'abandi bantu babikeneye, harimo guha amahugurwa ababyeyi n'ibigo bitangaza amakuru, ibigo biregera ndetse bigatanga ubuvugizi, ibigo byigenga, ndetse n'izindi nzego zibikwiriye. Mu gukemura ikirego cyo ku rwego rwa leta aho Minisiteri y'Uburezi muri Leta ya Michigan (MDE) yabonye ukunanirwa gutanga serivisi zikwiye, Minisiteri y'Uburezi muri Leta ya Michigan (MDE) igomba gukemura: (1) ukunanirwa gutanga serivisi zikwiye, harimo gukora igikorwa gikosora gikwiye mu gukemura ibikenerwa n'umwana; ndetse (2) guteganya gutanga serivisi zikwiye ahazaza ku bana bose babana n'ubumuga.

Uburyo bwo gukemura ibirego

Niba umucamanza w'amategeko ngenderwaho (ALI) atongereye igihe kihariye ku gihe watangiye ubusabe bwawe cyangwa ubusabe bw'ifasi y'amashuri. Ikirego cyoherejwe ku rwego rwa leta n'ikirego cyo kurenganurwa, irangizarubanza ndetse n'uburyo bwo gusoma imanza bisobanurwa mu buryo burambuye mu buryo buri hasi.

Inzira nke zishoboka ikirego cyoherezwamo ku rwego rwa leta

34 CFR §300.152 Minisiteri y'Uburezi muri Leta ya Michigan (MDE), kugera ku Biro bikuru bishinzwe uburezi (OSE), bazagenera inzira ikirego cya leta igihe kitarenze iminsi 60 y'indangabihe nyuma y'uko ikirego cyoherejwe hagamijwe: (1) Urwego rwigenga rukora iperereza aho ibintu byabereye, niba Minisiteri y'Uburezi muri Leta ya Michigan (MDE) yagenywe ko iperereza ari ngombwa; (2) Guha ikirego amahirwe yo kohereza andi amakuru yiyongeraho, haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko, yerekeye ibirego bikubiye muri dosiye; (3) Guha ifasi y'amashuri cyangwa ikindi kigo cya leta amahirwe yo gusubiza ikirego, harimo, nibura: (a) ku mahitamo y'ikigo, ikifuzo cyo kurangiza urubanza; na (b) amahirwe ku mubyeyi watanze ikirego n'ikigo kwemennya ku bushake kugana inzira y'ubwunzi; (4) Gusubiramo amakuru yose yerekeye ikirego ndetse kugena mu buryo bugenga niba ifasi y'amashuri cyangwa urundi rwego rwa leta biri guhonyora ibisabwa mu gice cya B cy'amasezerano ya IDEA; ndetse (5) No gutanga ikemezo cyanditse ku ruhande rwatanzwe ikirego gikemura ibirego bikubiye muri dosiye kandi gifite: (a) amakuru y'ibyabayeho ndetse n'imyanzuro; na (b) impamvu yatumye Ishami rishinzwe uburezi rya leta ya Michigan (MDE) ritanga umwanzuro wa nyuma. Inzira z'Ishami rishinzwe uburezi rya leta ya Michigan (MDE) zasobanuwe hejuru zigomba kanzi:

(1) Guha uburenganzira ukwongera iminsi 60 y'indangabihe niba gusa; (a) ibintu bidasanze bibaho hubahirizwa ikirego kiri ku rwego rwa leta kihariye;

cyangwa (b) umubyeyi cyangwa ifasi y'amashuri cyangwa ikindi kigo cya leta byaragize uruhare ku bushake mu kwemeranya kwigiza imbere igihe mu kurangiza urubanza binyuze mu bwunzi; (2) harimo inzira z'ishyirwamubikorwa rifututse ry'ikemezo cya nyuma cya Minisiteri y'Uburezi muri Leta ya Michigan(MDE), mu gihe bikenewe, harimo:(a) Ubwumvikane; ndetse n'ibikorwa bigamije gukosora mu gukumura amasezerano. Niba ikirego kiri ku rwego rwa leta cyanditse cyakirirwe ni igice kandi na none cy'iburanisha rigamije kurenganura nk'uko byasobanuwe ku mutwe, **Gutanga ikirego mu nzira yemewe**, cyangwa ikirego kiri ku rwego rwa leta gikubiyemo ibirego byinshi kimwe cyangwa byinshi muri byo bigaragara muri urwo rubanza, leta igomba gukora ku ruhande ikirego kiri ku rwego rwa leta, cyangwa igice icyo ari cyo cyose cy'ikirego kiri ku rwego rwa leta kiri gushakirwa umuti mu iburanisha ry'ikirego cyo kurenganurwa kugeza iburanisha rirangiye. Ikibazo icyo ari cyo cyose kiri mu kirego kiri ku rwego rwa leta ntabwo ari igice cy'urubanza rugamije gushaka kurenganura kigomba gukumura hakoreshejwe igihe cyongerewe mu nzira zasobanuwe hejuru. Niba ikibazo cyagaragaye mu kirego kiri ku rwego rwa leta cyari cyaremejwe mbere iburanisha ry'ikirego cyo kurenganurwa ku mpande zombi (wowe n'ifasi y'amashuri), ubwo rero ikemezo cy'ikirego cyo kurenganurwa gishingira kuri icyo kibazo ndetse na Minisiteri y'Uburezi muri Leta ya Michigan(MDE) igomba kumenyeshya uwatanze ikirego ko ikemezo ari ndakuka. Ikirego kirega ifasi y'amashuri cyangwa urundi rwego rwa leta kunanirwa gushyira mu bikorwa icyemezo iburanisha ry'ikirego cyo kurenganurwa kigomba kurangizwa n'Ishami rishinzwe uburezi rya leta ya Michigan (MDE).

Kohereza ikirego ku rwego rwa leta

34 CFR §300.153 Umuryango cyangwa umuntu ushobora kohereza ikirego ku rwego rwa leta cyanditse cyashyizweho n'umukono binyuze mu nzira zasobanuwe haruguru. Ikirego cyoherezwa ku rwego rwa leta kigomba: (1) Inyandiko ivugako ifasi y'amashuri cyangwa ikindi kigo cya leta cyahonyoye: (a) Ibiteganywa n'amabwiriza ngenderwaho ariho ubu agenga uburezi buhabwa ababana n'ubumuga; (b) 1976 PA 451, MCL 380.1 et seq., nk'uko bishingiye kuri gahunda na serivisi z'uburezi buhabwa ababana n'ubumuga; (c) AAasezerano agenga uburezi buhabwa abantu babana n'ubumuga ryo mu myaka wa 2004, 20 U.S.C., Umutwe wa 33, igika §1400 et seq., ndetse n'amabwiriza ashya mu bikorwa ayo masezerano, 34 C.F.R. igice cya 300, ndetse na 34 C.F.R. igice cya 303; (d) Inyigo y'ubwunganizi y'ifasi y'amashuri; (e) raporo yatanze n'itsinda rishinzwe gahunda yuburezi budasanzwe umunyeshuri yihariye, icyemezo cy'umukuru w'urubanza, cyangwa icyemezo cy'urukiko kireba gahunda na serivisi z'uburezi buhabwa ababana n'ubumuga; cyangwa (f) dosiyi yo ku rwego rw'igihugu ikubiyemo inkunga hashingiye ku masezerano ya IDEA; (2) Ibyabayeho inyandiko ishingiyeho; (3) Imikono n'amakuru yo kubonana n'uwatanze ikirego; ndetse (4) Niba ibirego biyanye no guhonyora bireba umwana wihariye: (a) amazina y'umwana n'aho umwana atuye; (b) Amazina y'ishuri ry'umwana ari kwigamo ubu; (c) igihe ari umwana wo mu muhanda cyangwa urubiruko, amakuru yo kubonana n'umwana aboneka, ndetse n'izina ry'ishuri umwana arimo kwiga ubu; (d) igisobanuro cy'imiterere y' ikibazo cy'uwo mwana giteye, harimo amakuru y'ibyabaye afatika yerekeye ikibazo; ndetse (e) ndetse n'irangizarubanza ryifujwe ku kibazo ku kigero kizwi kandi kiboneka ku ruhande rwatanze ikirego igihe ikirego cyatangwaga. Ikirego kigomba kuregera ihonyora ryabayeho mu kitarenze umwaka umwe mbere y'yo tariki ikirego cyakirirwe n'Ishami rishinzwe uburezi rya leta ya Michigan (MDE) cyangwa n'ishuri Kent ISD. Uruhande rwatanze ikirego ku rwego rwa leta rugomba kwoherereza kopi y'ikirego ku ifasi y'amashuri cyangwa ikindi kigo cya leta gifasha umwana mu gihe kimwe kandi na none uruhande rutanga ikirego hamwe n'Iburo bikuru bishinzwe uburezi(OSE). Ishami rishinzwe uburezi rya leta ya Michigan (MDE) ryasgyizeho ifishi ngenderwaho iyifashishwa mu kwoherereza ikirego ku rwego rwa leta. Ifishi iboneka kuri uru rubuga www.michigan.gov/ose-eis. Ntabwo ari ngombwa gukoresha iyi fishi ngenderwaho. Ariko, ikirego kigomba kugira amakuru asabwa kugira ngo woherereze ikirego ku rwego rwa leta (Reba 1-4 hejuru).

Inzira yo kunyuzamo ikirego usaba kurenganurwa

Gutanga ikirego usaba kurenganurwa

34 CFR §300.507 Wowe n'ifasi y'amashuri mushobora gutanga ikirego musaba kurenganurwa ku kibazo kerekereye gusaba cyangwa guhakana gushyiraho cyangwa guhindura umwirondoro, isuzumabumenyi cyangwa gushakira ishuri umwana wawe, cyangwa ibitegangwa n'amasezerano ya FAPE ku mwana wawe. Ikirego cyo gusaba kurenganurwa kigomba kuregera ihonyora ry'uburenganzira ryabayeho mu gihe kitarenze mbere y'uko wowe n'ifasi y'amashuri mu menya cyangwa mushobora kuba mwaramenye ibikorwa biregerwa byabaye intandaro yo gutanga ikirego cyo kurenganurwa. Indangabihe yerekanywe haruguru nta gaciro ifite niba utabasha gutanga ikirego cyo kurenganurwa mu gihe cyanzwe: (1) ifasi y'amashuri yagaragaje nabi ko yari yakemuye ibibabazo byagaragaye mu kirego; cyangwa (2) ifasi y'amashuri kanze kwerekana amakuru warihaye yagombaga gutangwa hashingiye ku gice cya B cyangwa icya C cy'amasezerano ya IDEA. Ishuri ry'akarere rigomba kukumenyeshya serivisi z'amategeko zitangirwa ku buntu cyangwa zihendutse ziboneka muri ako gace niba urisabye ayo makuru, cyangwa niba wowe cyangwa ifasi y'amashuri mutanze ikirego cyo kurenganurwa.

Ikirego cyo gusaba kurenganurwa

34 CFR §300.508 Kugira ngo usabe ko habaho kumva urubanza, wowe n'ifasi y'amashuri (cyangwa umunyamategeko wawe cyangwa umunyamategeko w'ifasi y'amashuri yawe) bagomba gutanga ikirego cyo gusaba kurenganurwa na Minisiteri y'uburezi muri leta ya Michigan (MDE), kandi bagatanga kopi ku rundi ruhande barega. Ikirego kigomba kugaragaza ibyakorewe urutonde hasi byose kandi bigomba kugirirwa ibanga. Ikirego cyo gusaba kurenganurwa kigomba kuba kirimo: (1) Amazina y'umwana; (2) aho umwana atuye; (3) Izina ry'ishuri ry'umwana; (4) Niba ari umwana wo mu muhanda cyangwa urubiruko, amakuru yo kubona umwana ndetse n'izina ry'ishuri ry'umwana; (5) Igisobanuro cy'imiterere y'ikibazo cy'umwana kererekeye igikonwa kifuzwa cyangwa cyanzwe, harimo amakuru y'ibyabaye yerekeye ikibazo; ndetse (6) irangizarubaza ryifujwe ry'ikibazo ku kigero kizwi kandi kiboneka kuri wowe no ku ifasi y'amashuri yawe mu ri icyo gihe. Wowe n'ifasi yawe y'amashuri ntimushobora kuja mu rubanza rwo gusaba kurenganurwa kugeza igihe wowe n'ifasi yawe y'amashuri (cyangwa umunyamategeko wawe cyangwa umunyamategeko w'ifasi yawe y'amashuri), mu buryo bukwiye batanga ikirego cyo gusaba kurenganurwa kirimo amakuru yarondowe haruguru. Ikirego cyo gusaba kurenganurwa umwana gitangwa mu buryo bukwiye igihe cyakirirwe na Minisiteri y' uburezi muri Leta ya Michigan (MDE) ndetse n'urundi ruhande ruregwa. Kugira ngo ikirego cyo gusaba kurenganurwa gikomeze, kigomba kuba kirimo amakuru ahagije. Ikirego cyo gusaba kurenganurwa kizitwa ko gifite amakuru ahagije (niba cyujuje ibisabwa haruguru) keretse uruhande rwakira kirego cyo gusaba kurenganurwa (wowe n'ifasi y'amashuri) mubimenyeshye umucamanza ugena amategeko ngenderwaho (ALI) n'urundi ruhande ruregwa mu nyandiko, mu minsi 15 ku ndangaminsi igihe mwakiriye ikirego, ko uruhande rwakiriye ikirego rwizewe neza ko ikirego cyo gusaba kurenganurwa kitujuje ibisabwa haruguru. Mu minsi itanu ku ndangaminsi babimenyeshye uruhande rwakira ikirego (wowe n'ifasi y'amashuri) mufata ikirego cyo gusaba kurenganurwa nk'aho kidafite amakuru ahagije, umucamanza ugena amategeko ngenderwaho (ALI) agomba gufata ikemezo niba ikirego cyo gusaba kurenganurwa cyujuje ibisabwa byavuzwe haruguru, kandi akabimenyeshya wowe n'ifasi y'amashuri mu nyandiko ako kanya. Wowe n'ishuri ry'akarere mushobora guhindura ikirego gusa niba: (1) Urundi ruhande ruregwa rwemeje ko cyahinduka mu nyandiko kandi ruhabwa amahirwe yo kurangiriza ikirego cyo gusaba kurenganurwa binyuze mu nama y'iburanisha, yasobanuwe hasi; cyangwa (2) umucamanza w'amategeko ngenderwaho (ALI) agatanga uburenganzira bwo guhindura ikirego, mu minsi itarenze itanu mbere y'uko isomwa ry'iburanisha ryo gusaba kurenganurwa ritangira. Niba uruhande rwatanze ikirego (wowe n'ifasi y'amashuri) rugize icyo ruhindura ku kirego, igihe cy'inama y'iburanisha (mu minsi 15 y'indangaminsi hakirirwe ikirego) ndetse igihe k'iburanisha (mu minsi 30 y'indangaminsi hakirirwe ikirego), rirongerera rigatangira

ku itariki ikirego cyavugururwe cyatangiyeho. Niba ifasi y'amashuri itarakohereje inyandiko ikumenyeshya yanditse mbere, nk'uko byasobanuwe ku mutwe, **Inyandiko imenyeshya yanditswe mbere**, kareba ikibazo nyamukuru kibumbiye ikirego cyo kurenganurwa, ifasi y'amashuri igomba mu minsi 10 y'indangaminsi hakiriwe ikirego cyo kurenganurwa, kukoherereza igisubizo kirimo: (1) Igisobanuro k'impamvu ifasi y'amashuri yifuje cyangwa yanze gukora igikorwa cyagaragaye mu kirego cyo kurenganurwa; (2) igisobanuro k'ayandi mahitamo ko itsinda rishinzwe uburezi budasanzwe umunyeshuri yihariye (IEP) ry'umwana ryahaye agaciro ndetse n'impamvu ayo mahitamo yateshejwe agaciro; (3) igisobanuro cya buri buryo isuzuma ryakozwemo, isumabubasha, amanota, cyangwa raporo ifasi y'amashuri yakoresheje nk'ishingiro mu gusaba cyangwa kwanga igikorwa; ndetse (4) igisobanuro k'ibindi bintu nyamukuru biyanywe n'igikorwa kifujwe cyangwa kikangwa n'ifasi y'amashuri. Gutanga amakuru ku ngingo ya 1-4 hejuru ntabwo bibuza ifasi y'amashuri kwemera ko ikirego cyawe cyo kurenganurwa cyari gifite amakuru adahagije. Uretse nk'uko byavuzwe mu mutwe muto ahagana hejuru gato, **igisubizo cyatanze n'ifasi yawe y'amashuri ku byerekeye ikirego watanze usaba kurenganurwa**, uruhande rwakira ikirego rugomba, mu minsi 10 y'indangaminsi hakiriwe ikirego cyo kurenganurwa, koherereza urundi ruhande igisubizo gitanga umuti ku ibibazo biri mu kirego.

Ifishi ngenderwaho

34 CFR §300.509 Minisiteri y'uburezi muri leta ya Michigan (MDE) yateguye ifishi ngenderwaho kugira ngo igufashe gutanga ikirego cyo kurenganurwa. Ntabwo ari ngombwa ko ukoresha ifishi ngenderwaho yishami rishinzwe uburezi rya leta ya Michigan (MDE). Ariko, ikirego cyo kurenganurwa kigomba kugira amakuru asabwa kugira ubashe gutanga ikirego cyo kurenganurwa. Ifishi ngenderwaho iboneka ku rubuga www.michigan.gov/ose-eis hasingwiye ku masezerano, ubugenzuzi ndetse no kurenganurwa (Ikitoronderwa: Gukoresha ifishi ngenderwaho ntabwo biguha ikizere ko umucamanza w'amategeko ngenderwaho (ALI) azabona ikirego gifite amakuru ahagije niba urundi ruhande rugishidikanya ko amakuru adahagije.)

Gushakira umwana ishuri igihe ikirego cyo gusaba kurenganurwa n'iburanisha bigitegerejwe

- 34 CFR §300.518 Keretse nk'uko byatanze hasi mu mutwe, uburyo bukurikizwa mu gihe cyo kugenga imyitwarire y'umwana ubana n'ubumuga, igihe ikirego cyo gusaba kurenganurwa cyoherejwe rimwe na Minisiteri y'Uburezi muri Leta ya Michigan (MDE) kikakira n'urundi ruhande, umwana wawe agomba kuguma mu kigo yigamo ubu mu gihe k'iburanisha, kandi n'igihe hagitegerejwe umwanzuro w'iburanisha ryo gusaba kurenganurwa ritabogama cyangwa urubanza rw'urukiko, keretse wowe na leta cyangwa ifasi y'amashuri yawe mubyemeranyijeho. Niba ikirego cyo gusaba kurenganurwa kirimo dosiye ku nshuro ya mbere ikigo cya leta, umwana wawe, amasezerano yawe y'ubwumvikane, bigomba gushyirwa muri gahunda y'ishuri rya leta ihoraho kugeza igihe izo manza zose zirangirye. Niba ikirego cyo kurenganurwa kirimo dosiye ku nshuro ya mbere hashingiwe ku Gice cya B cy'amasezerano ya IDEA ku mwana urimo arakorerwa ivugururamyigire rishingiye ku Gice cya C cy'amasezerano ya IDEA aya mu gice B cy'amasezerano ya IDEA kandi atakemerewe serivisi zitangwa my gice cya C kuko umwana yamaze kugira imyaka itatu, ishuri ry'akarere ntabwo risabwa gutanga serivisi zitangwa mu gice cya C umwana yararimo guhabwa. Niba umwana bigaragaye ko yujuje ibisabwa ngo aje mu gice cya B cy'amasezerano ya IDEA kandi ukaba wemera kugirana amasezerano y'ubwumvikane kubw'umwana kugira ngo ahabwe uburezi buhabwa ababana n'ubumuga na serivisi zibwerekeye ku nshuro ya mbere, ubwo, Gusubika inyungu z'imanza, ifasi y'amashuri igomba gutanga burezi buhabwa ababana n'ubumuga na serivisi zibwerekeye bitari kugirwaho impaka (iby wowe n'ifasi y'amashuri mwemeranyaho).

Uburyo bwo gukemura ibirego

